UMUNSI MUKURU W'ASSOMPTION KU MURWA WA BIKIRA MARIYA MURI PARUWASI CRETE CONGO NIL MURI DIYOSEZI GATOLIKA YA NYUNDO

Tariki 15/08/2017 guhera i saa 9h30 ku murwa wa Bikira Mariya muri Paruwasi ya Crête Congo Nil, ku nshuro ya 63 hahimbarijwe Umunsi mukuru w'Asomusiyo kuburyo budasanzwe. Kuri uwo munsi mukuru, hahujwe ihimbazwa ry'urunyurane rw'ibirori byabimburiwe n'Igitambo cy'Ukaristiya ku buryo bukurikira: Umunsi mukuru w'Asomusiyo ubwawo; Guhimbaza Yubile y'Imyaka 50 Padiri Paul MAREKANI amaze ari umusaseridoti kandi uvuka muri Paruwasi ya Crête Congo Nil; Abafaratri 10 bahawe umurimo w'ubusomyi muri Kiliziya, 3 bahabwa Umurimo w'ubuhereza; Umwepisikopi yatuye Bikira Mariya Abapadiri bashya 12 Diyosezi yacu ya Nyundo yungutse muri uyu mwaka wa Yubile y'ubusaseridoti muri Kiliziya Gatolika mu Rwanda; Umwepisikopi kandi yafunguye umwaka w'ubutumwa atanze imirongo migari ubutumwa buzibandaho.

Mu gitambo cy'Ukaristiya cyatuwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA Umwepisikopi wa Diyosezi gatolika ya Nyundo, yari kumwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Philippe RUKAMBA Umwepisikopi wa Diyosezi gatolika ya Butare, akaba n'Umuyobozi w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda, yari kumwe kandi na Nyiricyubahiro Musenyeri Vincent HAROLIMANA, Umwepisikopi wa Diyosezi gatolika ya RUHENGERI. Bari bakikijwe n'Abasaseridoti n'imbaga y'abakristu bakereye gusenga. Hari kandi n'abandi bayobozi banyuranye nk'umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro Madamazela AYINKAMIYE Emerance iyo Paruwasi ibarizwamo.

Birasanzwe muri Diyosezi ya Nyundo ko, ku munsi mukuru w'Asomusiyo abakristu bakora urugendo nyobokamana bagana ku murwa wa Bikira Mariya muri

Paruwasi ya Crête Congo Nil. Ni ahantu Umwepisikopi wa mbere wa Diyosezi ya Nyundo, Nyiricyubahiro Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI yageneye kubakwa Umurwa wa Bikira Mariya Umubyeyi w'Abakene; nyuma yo kumugira umurinzi n'Umuvugizi wa Diyosezi ya Nyundo.

Uyu murwa mutagatifu wa Congo Nil uri muri Paruwasi Crete Congo Nil Padiri Paul MAREKANI avukamo wisunze Bikira Mariya umubyeyi w'abakene, uherereye muri Diyosezi ya Nyundo mu Karere ka Rutsiro, washinzwe na Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI mu mwaka 1964, nyuma yo guhabwa kuyobora Vikariyati ya Nyundo, aho yagiye gusura Diyosezi ya Liège mu gihugu cy'ububirigi ahasanga ahantu hitwa I Baneux habonekeye Bikira Mariya, nyuma yo kumva ubutumwa Bikira Mariya yahatangiye, agira icyifuzo cyo gufata uwo mubyeyi w'Abakene ho umurinzi n'umuvugizi wa Vikaliyati yari ahawe kuyobora arayimwegurira.

Yubile y'Imyaka 50 ya Padiri Paul MAREKANI yizihijwe ku wa 15/08/2017 umunsi mukuru w'Ijyanwa mu Ijuru rya Bikira Mariya muri Paruwasi Crête Congo Nil ari nayo Paruwasi avukamo. Padiri Paul MAREKANI umaze igihe kinini asohoreza ubutumwa bwe bwa gisaseridoti mu gihugu cya Canada,yifuje guhimbariza Yubile ye y'imyaka 50 muri Diyosezi ye no muri Paruwasi ye avukamo ya Crete Congo Nil. Padiri MAREKANI azwiho kuba mu gihe yari mu Rwanda yari Umurezi kandi agakunda urubyiruko; yabaye umurezi mu Iseminari nto ya Mutagatifu Piyo wa X ya Nyundo ;aho yabereye umurezi Nyiricyubahiro Musenyeri Vincent HAROLIMANA Umwepisikopi wa Diyosezi ya RUHENGERI na Musenyeri Jean Marie Vianney NSENGUMUREMYI, Igisonga cy'Umwepisikopi wa Diyosezi ya Nyundo; yabaye kandi umurezi mu Iseminari Nkuru ya Mutagatifu Yozefu ku Nyundo no muri College Mater Ecclesiae muri Paruwasi ya Muramba, yabaye kandi Inspecteur Confessionnelle muri Diyosezi ya Nyundo,; yayoboye abaseminari bato mu myaka yambere ya Seminari i Mibirizi. Uretse kuba umurezi kandi yanabaye mu maparuwasi anyuranye afasha Abasaseridoti mu butumwa bw'ikenurabushyo. Kugeza ubu kandi akaba akomeje gusohoreza ubutumwa bwe mu gihugu cya Canada. Umwepisikopi wa Diyosezi ya Nyundo yamushimiye ubwitange butizigama yagaragarije Imana na Kiliziya.

Mu ijambo rye Padiri MAREKANI umaze imyaka 50 ahawe ubasaseridoti, nyuma yo gusaba Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA n'abandi Bepisikopi bari kumwe,hamwe n'abasaseridoti kumuramburiraho ibiganza yibuka Roho Mutagatifu yahawe ahabwa ubusaseridoti, yatangarije imbaga y'abakristu bitabiriye uyu munsi ibyishimo afite, aho yavuze ko ibyishimo by'uwo munsi bishingiye kuri Bikira Mariya we bizihiza kuri uwo munsi.

Yakomeje ashimira Imana yo yamukoreye ibyiza byinshi muri iyi myaka 50 cyane ko yamwitoreye ataravuka imugira umuhanuzi w'amahanga.

Muri Diyosezi ya Nyundo kandi guhimbaza Yubile y'imyaka 50 y'ubusaseridoti ya Padiri Paul MAREKANI, byabaye impurirane ko kuri uwo munsi hatanzwe imirimo y'ubusomyi ku Bafaratiri 10, n'abandi 3 bahawe ubuhereza. Muri Diyosezi ya Nyundo, birasanzwe ko tariki 15/08 umwepisikopi atura Umubyeyi Bikira Mariya Abasaseridoti bashya Diyosezi yungutse. Uyu mwaka rero Diyosezi yacu ya Nyundo, yungutse Abasaseridoti 12. Ni ibyishimo ku Mwepisikopi, kubakristu no kuri Kiliziya yose. Imana nisingizwe iteka. Aba ni Abasasridoti bashya12 bakikije Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA Umwepisikopi wa Diyosezi ya Nyundo.

UBUTUMWA BWIHARIYE UMWEPISIKOPI YATANZE KURI UWO MUNSI MUKURU

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA *ajya gusoza igitambo cy'Ukaristiya yatanze icyerekezo tuzahuriraho twese muri Diyosezi muri uyu mwaka w'iyogezabutumwa 2017-2018.*

I .Guha agaciro isano yacu

Ni Isano ihebuje: -Isano n'Imana Data ,Umubyeyi wa twese

-Isano yacu nk'abavandimwe muri Yezu Kristu

1. Isano n'Imana Data «Noneho duhange Muntu mu ishusho yacu, mu misusire yacu» (Intg1,26).

Kumenya ko Imana ari Umubyeyi ntibicira aho, bidusaba kuyikunda,kuyisenga no gukurikiza amategeko yayo. Ntibibe rero mu magambo gusa ahubwo bikagaragazwa n'ibikorwa bifatika. Umwepisikopi yifuje guha imbaraga isengesho mu rugo,kuzarushaho kwitabira imiryangoremezo cyane kandi abagabo bazabitangemo urugero. Yasabye kandi guhukira gusoma Bibiliya, kugira ngo turusheho kumenya icyo Imana ishaka.

2. Isano yacu nk'abavandimwe muri Yezu Kristu.

Kuri iyi ngingo yakomeje avuga ko uwo Yezu yagize umuvandimwe arakomeye,akwiye gukundwa,kubahwa,kwitabwaho. Yifashishije ubutumwa Yezu yahaye Mariya Madalena igihe amubonekeye, yaramubwiye ngo abwire intumwa ze ati: «Ngiye kwa Data ari We So,ku Mana yanjye ari Yo Mana yanyu»

(Yh20,17). Yakomeje asaba rero ko bitaguma mu magambo gusa ahubwo ko byaherekezwa n'ibikorwa bifatika cyane cyane tureba ababikeneye kurusha abandi kuri Roho no ku mubiri. Yashoje asaba ko ari igihe cyo kugaruka ku Imihigo yacu y'abavandimwe twiyemeje igihe cya Sinodi yacu.

Yifuje ko kandi mu mahuriro yacu twajya turirimba «Imihigo y'abavandimwe» tunazirikana ibyo turirimba.

II. UBUTUMWA BW'UMUNSI MUKURU W'ASOMUSIYO 2017

Bakristu, bavandimwe,

Uyu munsi turahimbaza umunsi mukuru wa Bikira Mariya ajyanwa mu ijuru. Nk'uko Yezu kristu igihe yari arangije ubutumwa bwe yazamutse ajya mu ijuru, ariyo Asensiyo, uyu munsi ni izamuka rya Bikira Mariya ajyanwa mu ijuru duhimbaza. Guhimbaza iyo minsi mikuru yombi kandi ijya gusa, ni ukwibuka uruhare rwa Yezu Kristu n'Umubyeyi we Bikira Mariya kandi ari nawe wacu mu icungurwa ryacu. Turibuka ko Yezu yasize amuturazeho umubyeyi wacu, igihe yabwiraga Yohani Intumwa ati *dore Nyoko*, akanabwira Bikira Mariya ati dore *umwana wawe*.

Twaturutse rero mu mpande zose za diyosezi yacu, kugira ngo duhurire kuri uyu murwa wa Bikira Mariya, kugira ngo dushimire Imana yaduhaye uwo Mubyeyi uduhoza ku mutima. Twaje twakereye ku mwiyambaza kugirango uko yabaye intungane hano ku isi bikageza aho azamurwa ajya mu ijuru, atubere urugero rw'ubutungane.

Uyu munsi rero ntutubere uw'ibirori gusa by'Asomusiyo, ahubwo utubere n'akanya ko gusaba gusa na Bikira Mariya muri byose.

Bikira Mariya ni Umubyeyi twigiraho kugira ukwemera nyako. Twibuke uko yashubije umumalayika w'Imana igihe yari amuzaniye inkuru itangaje y'uko agiye gusama ku bwa Roho Mutagatifu. Bikira Mariya agasubiza atajuyaje agira ati: *Ibyo uvuze bingirirweho.*

Bikira Mariya ni umubyeyi twigiraho guca bugufi no kwiyoroshya. N'ubwo yabaye Nyina w'Imana , ntibyigeze bimutera kwikuza ngo yumve ko hari icyo arusha abandi babyeyi. Bikira Mariya ni Umubyeyi twigiraho kwiyumanganya ni gihe turi mu byago,cyangwa mu makuba ayo ari yo yose. Turamwibuka agahinda kose yabayemo abona ibibi byose byagirirwaga umwana we Yezu Kristu, ariko byose akabyakirana umutima utuje kandi wihangana.

Bikira Mariya ni Umubyeyi, abandi babyeyi mwakwigiraho kumenya urugo. Afatanyije na Yozefu umugabo we ,umurinzi wa Yezu Kristu, Bikira Mariya yakomeje kuba umutima w'urugo, ari nako yita ku buzima bwa Yezu Kristu. Turibuka ko urugo rw'i Nazareti nta nabi yarurangwagamo, nta ntonganya, nta gasigane. Byose byabaga mu bwiyoroshye no mu bwubahane. Niyo mpamvu

tugira undi munsi mukuru duhimbaza witwa Umuryango Mutagatifu w'I Nazareti. Bikira Mariya ni umubyeyi twigiraho kurangwa n'urukundo no kugirira impuhwe abari mu kaga. Turamwibuka mu bukwe bw'I kana igihe inzoga zari zimaze gushirana abari bateguye ubukwe. Bikira Mariya wari wizeye ububasha bw'Umwana we yezu Kristu akamutakambira avuga ati : *nta divayi bagifite*. Bikira Mariya ni umubyeyi twigiraho kurangwa n'ukwizera. Yizeraga iteka ko byose bishobokera Imana,yizeraga kandi yemeraga ko umwana we Yezu Kristu ari Imana nyakuri. Ntabwo yigeze ashidikanya ku bumana bw'umwana we yezu Kristu. Turamwibuka igihe bari babuze Yezu yagiye kwigisha mu Hekaru,Bikira Mariya kimwe na Yozefu bakamushakashakana umutima uhagaze,ariko igihe bamubonye,Yezu akababwira ko yagombaga kurangiza ubutumwa bwa Se ,Bikira Mariya ari mu bumvise vuba ubwo butumwa ubwo ari bwo.

Bakristu, bavandimwe, uyu mubyeyi Bikira Mariya duhimbaza uyu munsi, twamwigiraho byinshi kandi byiza, niyo mpamvu dukoranira hano buri mwaka kugirango tumwijyambaze kandi tumufateho urugero. By'umwihariko iyo dukoraniye hano kuri uyu murwa mutagatifu wa Bikira Mariya hano kuri Crete Congo Nil, tuba tunatekerezako Diyosezi yacu ya Nyundo yaragijwe uwo mubyeyi w'abakene.

Turibuka ko Umwepisikopi wa mbere wa Diyosezi yacu ya Nyundo, Nyiricyubahiri Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI,yatuye kandi akanaragiza iyi Diyosezi Bikira Mariya Umubyeyi w'abakene. Kandi koko mu bihe byiza no mu bibi Bikira Mariya yakomeje kuduhakirwa. Tuzakomeza rero gukomera ku Mubyeyi w'abakene,akaba umuvugizi wa Diyosezi yacu utajya udutererana na rimwe. Amasomo 'uyu munsi mukuru wa Asomusiyo twumvise yongeye ku tugaragariza uwo Mubyeyi Bikira Mariya uwo ari we. Mu gitabo cy'ibyahishuriwe Yohani intumwa twumvise mu isomo rya mbere , baducira amarenga yo kumva uwo mubyeyi wisesuye izuba,ukwezi kuri munsi y'ibirenge bye,umutwe we utamirije ikamba ry'inyenyeri cumi n'ebyiri,n'ibindi bimenyetso biranga Umubyeyei Bikira Mariya kimwe n'ububasha yari afite bwo gutsinda cya kiyoka nyamunini kandi gitukura nk'umuriro. Nguwo umubyeyi dutakambira tumwizeye kuko yabaye umutoni w'Imana kandi akaba afite ububasha bwo kutuvuganira ngo tudatsindwa n'amaoshya cyangwa ibishobora kutuyobya byose. Niyo mpamvu tugomba ku mwisunga akadufasha kurangamira umwana we kandi Umwami wacu yezu Kristu wizuye mu bapfuye kugirango natwe adusangize ku bugingo bw'iteka,nk'uko Pawulo Mutagatifu yabitweretse mu ibaruwa yandikiye Abanyakorinti.

Nanone kandi twongeye kumva Bikira Mariya mu Ivanjili ya Luka,aho yahagurutse akajya gusura mubyara we Elizabeti mu misozi miremire. Urwo ruzinduko rwa Bikira Mariya, kwa mubyara we narwo rugire icyo rutwigisha. Muribuka ko mu iyibukiro rya 2 mu yo kwishima dusenga tuvuga tuti: Bikira Mariya ajya gusura Elizabeti mutagatifu,dusabe inema yo gukundana.

Bakristu bavandimwe, dukeneye inema nyinshi zidukomeza mu bukristu bwacu,ariko muri izo nema nyinshi iyo gukundana igomba kuba muzibanze. Urukundo tugirira abavandimwe bacu tujye turusanisha na ruriya Bikira Mariya yagaragaje igihe cyose yabaye kuri iy'isi yacu. Maze natwe tujye tuvuga tuti : «Umutima wanjye urasingiza Nyagasani,kandi, uhimbajwe n'Imana Umukiza wanjye».

Bakristu bavandimwe,mu kanya tugiye kwifatanya na bamwe mu bana banyu,abavandimwe cyangwa se inshuti bagiye guhabwa ibice by' ubusomyi n'ubuhereza,ibice bibanziriza urwego rw'ubudiyakoni. Tubasabire tubaragiza Nyagasani twisunze Umubyeyi Bikira Mariya ngo bazakomeze neza urugendo rwabo rubaganisha ku Busaseridoti. Muri iki Gitambo kandi twatuye twisunga Bikira Mariya,tumuture n'aba bapadiri bashya12(*12 nk'Intumwa za Yezu*) Diyosezi yacu yungutse muri uyu mwaka. Ni umugisha ukomeye Diyosezi yacu yabonye, ni imbaraga nshya twungutse muri wa murima w'Imana. Tubasabire kandi tubifurize ubutumwa bwiza bazarangiza neza bisunze kandi biragiza umubyeyi Bikira Mariya.

Dufatanye gushimira Imana kandi tunasabira umuvandimwe wacu Padiri Paul MAREKANI Imana yohereje mu murima wayo, nawe akayikundira. Muri iyi Yubile y'imyaka 50 y'ubusaseridoti, ntiyigeze atenguha uwamutumye. Dukomeze tumusabire kugirango Nyagasani akomeze intambwe ze, akomeze yisunge Bikira Mariya, umubyeyi w'abakene wo kuri uyu murwa mutagatifu ntashidikanya ko yamwisunze kuva kera kandi n'ubu akaba akibikomeza.

Ndangije nongera kubifuriza mwese umunsi mukuru mwiza w'Asomusiyo.

Nyagasani Yezu nabane namwe.

Padiri Jean Marie KWIZERA